ABANYAMUTIMA MUTAGATIFU WA YEZU BA BIRUYI BASUYE ABA KINUNU

Ku cyumweru tariki ya 13 Ukwakira 2013, abakristu bitagatifuriza mu muryango w'Umutima mutagatifu wa Yezu ba Paruwasi ya BIRUYI basuye bagenzi babo bo muri Paruwasi ya KINUNU.

Byose byabimburiwe n'Igitambo cy'Ukaristiya cyatangiye saa yine zuzuye (10h00) giturwa na Padri Léonidas NGARUKIYINTWARI, Padri Mukuru wa Paruwasi ya Kinunu.

Uruzinduko rwari rugamije kungurana ibitekerezo no gushimangira umubano uri hagati y'abanyamuryango ba Biruyi na Kinunu. Abari baturutse mu Biruyi baje bayobowe na Bernard HIBUKABAKE wavuze ko Biruyi ifite abanyamuryango 67 bubahiriza isaha Ntagatifu iba kuwa kane ubanziriza Imboneka, bubahiriza imboneka. Bakaba bafite ishyamba n'ikawa. Bagira ibikorwa by'urukundo. Yashishikarije abari aho gukomera ku muryango abasomera Ijambo ry'Imana dusanga mu Ibaruwa Pawulo Intumwa yandikiye Abanyafilipi 2,12-16.

Umuyobozi w'umuryango muri Paruwasi ya Kinunu yavuze ko bafite abanyamuryango 20. Abona ko ibikorwa bikiri bike ariko akagaragaza icyizere cy'uko inama n'impanuro bahawe zizabyara umusaruro maze bagakomeza kwiyubaka.

Umuyobozi w'umuryango muri Diyosezi ya Nyundo, Akarere k'Iyogezabutumwa ka Gisenyi, yashimiye abari aho maze ababwira ko umuryango w'Umutima mutagatifu wa Yezu ufite inkomoko muri Bibliya nk'uko tubisanga mu Ivanjili ya Matayo 11, 27-29.

Umuyobozi wa Santarali ya Remera nawe yatangiye ashimira abari aho akomeza asobanura imiterere y'imiryango y'agisiyo gatolika n'amakoraniro y'abasenga muri santarali ya Remera. Yasezeranyije abanyamutima ba Kinunu ko ubuyobozi bwa Santarali buzakomeza kubaba hafi bubatera inkunga kugira ngo barusheho kwiyubaka bagakomera.

Padri Mukuru wa Paruwasi ya Kinunu yatangiye ashimira abashyitsi baturutse mu Biruyi kubera umutima mwiza bagaragaje baza gusura aba Kinunu. Yakomeje ashimira n'abasangwa ubutwari bagize biyemeza kwakira abashyitsi nubwo basanzwe ari mbarwa. Yaboneyeho gushishikariza abanyamuryango bose ko bagomba guharanira kuba urumuri rw'abandi mu nzira y'ubukristu. Yarangije ashishikariza abanyamuryango kwitabira gusenga no gukunda gushengerera.

Ibirori byarimo gucinya akadiho byashojwe saa cyenda n'igice duherekeza abashyitsi.

Yohani Berikimansi BAMENYIMANA
Umujyanama wa komite y'umutima mutagatifu wa Yezu I Kinunu.